**Inama y'Igihugu y'Umushyikirano yabaye ku nshuro ya 14 ku ya 15-16 Ukuboza 2016, ihuza Perezida w'u Rwanda, Paul Kagame, abayobozi, abanyamadini, abahagarariye sosiyete sivile n'inshuti z'igihugu bose babarirwa mu 2000.**

Iyi nama yafatiwemo imyanzuro 12 yatangajwe kuri uyu wa Kane, uwa mbere ni igitekerezo cyatanzwe na Perezida Kagame cyo gushyiraho itariki ntarengwa aho u Rwanda ruzaba rutagikeneye inkunga y'amahanga.

**IMYANZURO Y'INAMA Y'IGIHUGU Y'UMUSHYIKIRANO:**

**1. Kugena igihe ntarengwa u Rwanda ruzagera ku rwego rwo kwihaza mu ngengo y'imari, dushingiye ku cyerekezo 2050, twongera umurego mu gukora cyane, kubazwa ibyo dukora no kunoza imikoranire hagati y'inzego zose.**

**2. Gukomeza kubaka ubudasa bw'u Rwanda bushingiye ku miyoborere myiza dukomeza kwihitiramo no gushyigikira ubuyobozi butubereye kandi bufite icyerekezo no gukomeza umuco wo kwishakamo ibisubizo, kuwumenyekanisha no kuwuhererekanya mu badukomokaho.**

**3. Gushimangira ubufatanye hagati y'inzego za Leta, ababyeyi, abarezi, abikorera, sosiyete civile n'imiryango ishingiye ku madini mu kurushaho kubaka umuryango nyarwanda.**

**4. Gushyira imbaraga mu kongerera agaciro ibikorerwa mu Rwanda no kubishara amasoko mu Rwanda no mu mahanga.**

**5. Gukomeza kunoza imitangire ya Servisi mu nzego za Leta no mu bikorera, abahabwa servisi mbi bakabyanga kandi bakabigaragariza ababishinzwe kugira ngo bikosorwe.**

**6. Gushyiraho no gushyigikira gahunda y'Urunana rw'Urungano mu turere twose tw'igihugu no kugeza gahunda y'Itorero ry'igihugu mu byiciro byose by'Abanyarwanda harimo abakuze baba mu mahanga n'ababana n'ubumuga.**

**7. Gutegura neza imishinga minini yo kuhira imyaka cyane cyane mu turere twa Nyagatare, Gatsibo, Kayonza na Kirehe.**

**8. Gushaka uburyo bwo kwegereza ibiro by'itora Abanyarwanda batuye mu mahanga.**

**9. Gukomeza gusigasira no kunga ubumwe bw'abanyarwanda turwanya ingengabitekerezo ya Jenoside by'umwihariko mu rubyiruko.**

**10. Gukomeza gushyira imbaraga mu guhangana n'ibikorwa bibera mu mahanga bigamije gupfobya no guhakana Jenoside yakorewe Abatutsi.**

**11. Gukora ubushakashatsi bugamije kumenya mu buryo bwimbitse ikibazo cy'ihungabana mu bacitse ku icumu rya Jenoside kugira ngo gifatirwe ingamba zihamye.**

**12. Gushakira umuti ukwiye inzitizi zibangamira irangizwa ry'imanza zisigaye zaciwe n'inkiko Gacaca ku mitungo yangijwe mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi**